Ni ikihe gikorwa Allah akunda kuruta ibindi? Iransubiza iti: "Ni iswalat ikorewe mu gihe cyayo." Ndongera ndayibaza nti: Nyuma yayo hakurikiraho ikindi kihe? Iransubiza iti: "Ni ukubaha ababyeyi bombi." Ndongera ndayibaza nti: Nyuma yayo hakurikiraho ikihe? Iransubiza iti: Ni uguharanira inzira ya Allah (Djihadi)

Hadith yaturutse kwa Abdillah Ibun Masud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Nabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nti: Ni ikihe gikorwa Allah akunda kuruta ibindi? Iransubiza iti: "Ni iswalat ikorewe mu gihe cyayo." Ndongera ndayibaza nti: Nyuma yayo hakurikiraho ikindi kihe? Iransubiza iti: "Ni ukubaha ababyeyi bombi." Ndongera ndayibaza nti: Nyuma yayo hakurikiraho ikihe? Iransubiza iti: Ni uguharanira inzira ya Allah (Djihadi). Abdullah Ibun Mas'ud yaravuze ati: Yarabimbwiye, kandi n'iyo nyibaza ibindi bikurikiraho, yari kubimbwira.

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yarabajijwe iti: Ni ikihe gikorwa Allah akunda kuruta ibindi? Nuko irasubiza iti: Ni iswalat y'itegeko ikorewe mu gihe cyayo amategeko yagennye. Hanyuma hagakurikiraho kubaha ababyeyi bombi, no kubagirira neza, no kubakorera ibyo ubagomba, no kureka kubasuzugura. Nyuma yabyo ikurikizaho guharanira inzira ya Allah, kugira ngo ijambo rya Allah Nyir'ubutagatifu ryogere, no kurengera idini ry'ubuyisilamu n'abayisilamu, no kugaragaza amategeko yaryo, umuntu yitanga ubwe ndetse anatanga umutungo we. Nuko Ibun Mas'ud (Imana imwishimire) aravuga iti: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yambwiye ibi bikorwa, kandi iyo nkomeza kuyibaza n'ibindi yari kubimbwira.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/3365